Ibikenerwa mbere yuko abana basubira kwishuri

Ese umunyeshuri wawe yiteguye kugira umwaka mwiza w'amashuri? Aha hari ibintu bike byagufasha kwibuka uburyo wategura umwana wawe neza kugirango azagaruke gutangira ishuri k'umunsi wa mbere w'ishuri, yiteguye bihagije:

- ❑ Ese wabawarandikishije umwana wawe cyangwa wasuzumye neza impapuru ze zoherejwe n'ikigo? Hamagara 485-6250 niba ukeneye kumenya ikigo cy'ishuri umwana wawe azigaho cyangwa n'ibihe bikoresho uzakenera kugira ngo wandikishe umwana wawe.
- ❑ Ese uzi igihe(isaha) ishuri ry'umwana wawe ritangirira? Hafi y'ibigo byose by'amashuri abanza ya JCPS (elementary schools), amasaha ni saatatu n'iminota itanu za mugitondo(9:05 a.m). Kugeza saacyenda na miringwine n'itanu z'umugoroba (3:45 p.m). Hafi y'ibigo byose by'amashuri y'isumbuye(Middle and High schools) amasaha ni saamoya na mirongwine za mugitondo(7:40 a.m). Kugeza saamunane na makumyabiri z'umugoroba(2:20 p.m).
- ❑ Ese wamaze kwemeza uburyo bwokujya kwishuri k'umwana wawe? Ese niba umwana wawe agenda n'amaguru cyangwa n'igare, waba waraganiriye kubiteganywa k'umutekano we wo mumuhanda ndetse n'ibindi? Ese niba umwana wawe agenda na bisi, waba waraganirijwe kubijyanye nagahunda z'umutekano we ndetse n'uburyo akwiye kwitwara?
- ❑ Ese wabawaraganiriye n'ishuri kubijyanye n'ibikoresho umwana wawe azakenera?
- ❑ Ese waba uzi niba ikigo cy'ishuri umwana wawe yigaho gifite amategeko yihariye agenga imyambarire? Ese umwana wawe azakenera imyenda itandukanye n'isanzwe mubijyanye n'amasomo y'imyitozo ngororamubiri,imikino,…. cyangwa amasomo y'imyuga?
- ❑ Ese wigeze wuzuza impapuro z'ubuzima, uwamenyeshwa byihutirwa, ndetse nizindi zoherejwe murugo?
- ❑ Ese harikibazo cy'uburwayi umwana wawe yagize mugihe cy'ibiruhuko gishobora gutuma abangamirwa kumunsi we w'ishuri? Ese niba aribyo, wabimenyesheje ubuyobozi bw'ishuri? Ese niba umwana wawe afite gufatira imiti ku ishuri, wabawaramazegutegura uburyo bizakorwamo?
- ❑ Ese washyizeho igihe cyokuryama kare kugirango ufashe umwana wawe kubyukira kuri gahunda y'ishuri?
- ❑ Ese wabawaraganirije umwana wawe kubijyanye nimyitwarire myiza akwiye kugira mbere yogutangira umwaka mushya w'amashuri ndetse no kugira ubushake bwogukora uko ashoboye kugira ngo yitware neza mumasomo?
- ❑ Ese wabawariyandikishije k'urubuga rw'amashuri y'akarere kuri gahunda y'ubutumwa bwihutirwa kugirango uzajye ubona amatangazo yihutirwa ndetse n'andimakuru yangombwa?

Ibikenerwa mbere yuko abana basubira ku ishuli kandi wabisanga kumurongo wa interineti aha hakurikira. Kurikira JCPS online kuri Facebook, Twitter, Instagram na YouTube.

JCPS # #